www.tekanapp.com

TEKANA App "Dukorane twubahana, twuzuzanya kandi dutekanye"

I. IMPAMVU YA TEKANA App

Nyuma yo kubona ibibazo bitandukanye biterwa n'abakozi bakora imirimo itandukanye harimo abakozi bo mu rugo bica abana, biba, bahohotera abo bashinzwe kurera, bacikana abana barera, baroga, ndetse n'abakora mu bikorwa by'ubucuruzi biba cg bagacikana amafranga bakaburirwa irengero, abakora mu mirimo y'ubwubatsi biba cyangwa bakangiza ibikoresho bakoresha, abazamu biyibisha cyangwa bagacurisha imfunguzo bakiba aho bashinzwe kurinda, abashumba biba amatungo baragira bakaburiwa irengero, abakora mu maduka biba ibintu bitandukanye harimo n'amafaranga, abamotari biyibisha moto, abanyonzi biyibisha amagare, abakora mu binama, amagaraje, aho bogoshera (saloons) bakunda kugaragara bakoze ibyaha bitandukanye;

Nyuma yo kubona ibi bibazo no gufata igihe cyo kubisesengura, twatekereje uburyo bw'ikoranabuhanga bwitwa "**TEKANA App**" bwo gufasha kubika igihe kirekire amakuru y'ingenzi ku bakozi mu rwego rwo guteza imbere imikoranire myiza hagati y'umukozi n'umukoresha, kwimakaza ubwubahane n'ubwizerane bigamije kugera ku musaruro impande zombi ziba zemeranijweho. **TEKANA App** igufasha kubona amakuru ajyanye n'aho umukozi yakoze hose, abamukoreshaga, akazi yakoraga, igihe yagiye ava mu mirimo itandukanye. Ifasha kandi kumenya imyirondoro y'umukozi irimo aho avuka, aho atuye, ababyeyi be cyangwa abamurera n'aho batuye, aho yafatiye irangamuntu n'ibindi.

II. UKO WAKORESHA TEKANA APP

- ✔ Ujya ku rubuga www.tekanapp.com : Wayifungurira kuri computer, tablet cyangwa kuri telefoni
- ✔ **Guhitamo ururimi**: TEKANA App iri mu ndimi enye arizo igifaransa, icyongereza, ikinyarwanda n'igiswayire.
- ✔ Ubanza kwiyandika nk'umukoresha: Ujya ahanditse register as employer, s'inscrire en tant qu'employeur, Iyandike nk'umukoresha, jiandike kama mwajiri. **Umukoresha ntabwo bimusaba kwishyura kugirango yiyandike.** Iyo umukoresha amaze kwiyandika ahita abona uburyo bwo kwishyura burimo gukoresha amakarita (cards), mobile money na airtel money. Uhitamo uburyo ugiye gukoresha, ugashyiramo numero ugiye gukoresha wishyura, ugakanda hasi ukabyemeza. Iyo wakoresheje uburyo bwa mobile money cyangwa airtel money, ubona ubutumwa kuri telephone yawe bugusaba kwishyura. Iyo umaze kwishyura utegereza gato ugahita uhabwa uburenganzira bwo kwandika umukozi. Ushobora no kwishyura ukoresheje code (Momopay: ****182*8*1*369369* na Airtel Money: *182*8*1*79887*),*** iyo wishyuye ukoresheje izi codes uhita uhabwa uburenganzira bwo gukoresha tekana app. Amafranga **yishyurwa kuri DIRECA Company Ltd.**
- ✔ Iyo umukozi agiye (asezeye akazi, amasezerano ye arangiye cg agiye ku zindi mpamvu), umukoresha ajya kuzuza ahantu handitse "**gusesa amasezerano, terminate contract, résiliation du contrat, kusitisha**

mkataba" kugirango azorohereze abandi bakoresha kubona amakuru kuri uyu mukozi;

- ✔ **Kwandika umukozi usanzwe muri system**: Iyo umukozi asanzwe ari muri system, umukoresha we mushya amaze kwiyandika no kwishyura ajya ahanditse " **andika umukozi mushya cyangwa usanzwe muri system, register new or existing worker, andika mfanyakazi mpya, inscrire le nouveau travailleur**". Iyo ashyize numero y'irangamuntu muri system cg agashyiramo amazina ye ahita abona ibintu byose abakoresha be ba mbere bashize muri system. Ahita yuzuza gusa akazi umukozi aje gukora iwe n'igihe agatangiriye.
- ✔ **Gushaka amakuru ku mukozi mbere yo kumwandika.** Umukoresha mushya ashobora no guhita ajya ahanditse "Check the previous employers, angalia ajira ya awari, vérifier les emplois précedents, reba aho yakoze mbere". Bifasha umukoresha guhita abona aho umukozi yakoze mbere akaba yabanza kubaza uko yakoraga n'uko yitwaraga mbere yo gufata umwanzuro wo kumuha akazi cg kukamwima.

IV. IBINDI BISOBANURO KURI TEKANA APP

Ukeneye ibindi bisobanuro ahamagara numero zikurikira:

A. Numero za organization: AIRTEL (0737291007) na MTN (0791904002)
B. Numero z'abakozi (0788353143, 0788495696, 0788580988)
C. Code ya Momo (*369369) ibaruye kuri DIRECA Company Ltd*
D. *Code ya Airtel Money (79887) ibaruye kuri DIRECA Company Ltd*
E. *Ushobora kwandika ubutumwa kuri www.direcatec.com*